# 42: Mwami wanjye, nshaka kuba Uwakijijwe nawe

1. Mwami wanjye, nshaka kuba Uwakijijwe nawe: Nake kubwawe wenyine Kuk' ur' umucyo wanjye;Mu kwitonda kwanjye numve Urukundo rw'ukuri. No mu mwijima w'ijoro, Nkwibuke, Mwami Yesu.

2. Mwami wanjye, nshaka kuba Urumuri kubwawe, Ngo njye mmurikir’ ab'isi Baheze mu mwijima.Nakire mu nzira zabo, Bakuri kure cyane. Mbageze ku Mwami Yesu, Ngo na bo bamwizere.

3. Mwami wanjye nshaka kuba Uvug' Ijambo ryawe, Namamaze, Databuja,Yuko watubambiwe: Abari mu rupfu rubi, Mbabwir' ikibakiza, Mpumuriz’ abababaye; Nyobore bos’i Bwami.

Visit us at indirimbo.com